Abantu bari muri izi mva zombi bari guhanwa, kandi ntibazira ibikomeye; umwe muri bo ntiyajyaga yirinda inkari, naho undi yajyaga agenda abunza amagambo

Hadith yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Igihe kimwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatambutse ku mva ebyiri maze iravuga iti: Abantu bari muri izi mva zombi bari guhanwa, kandi ntibazira ibikomeye; umwe muri bo ntiyajyaga yirinda inkari, naho undi yajyaga agenda abunza amagambo nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije ifata ishami ry'igiti kitaruma irivunamo kabiri, igice kimwe igishinga ku mva imwe ikindi igishinga ku yindi; nuko babaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Yewe Ntumwa y'Imana, kuki wabigenje kuriya? Irabasubiza iti: "Hari ubwo Allah yabagirira impuhwe akaborohereza ibihano igihe cyose ayo mashami ataruma."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanyuze ku mva ebyiri, maze iravuga iti: Banyiri izi mva ebyiri bari guhanwa kandi ntibazira impamvu zikomeye nk'uko mu bicyeka, n'ubwo zihambaye imbere ya Allah; Umwe muri bo arazira kuba atarajyaga yirinda inkari igihe ari kwihagarika; ngo zitamutarukira ku mubiri cyangwa se imyambaro ye. Naho undi yajyaga abunza amagambo mu bantu, agatwara amagambo y'abandi bavuze agamije kubangamira abandi no guteza umwiryane mu bantu.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3010